RDF yasobanuye iby'igitero cyaguyemo umwe i Rusizi, abandi umunani bagakomereka

Yanditswe na IGIHE
Kuya 21 Kamena 2017

Umuvugizi w'Ingabo z'u Rwanda, Lt Col René Ngendahimana

Umuvugizi w'Ingabo z'u Rwanda, Lt Col René Ngendahimana, yatangaje ko hatangiye iperereza ku gitero cyabaye mu ijoro ryo ku wa Kabiri tariki ya **20 Kamena 2017**, ubwo abantu bagera kuri **batatu** bitwaje intwaro bateye abaturage bo mu Karere ka Rusizi mu Murenge wa Bugarama, bakica umwe abandi umunani bagakomereka.

Iki gikorwa cyabaye ahagana saa mbili z'ijoro aho abantu bitwaje intwaro bagera kuri **bane** bateye abaturage bari mu kabari mu mudugudu wa Ryankana, bakabarasa ndetse bakateramo na gerenade.

Umuvugizi w'Ingabo z'u Rwanda, Lt Col René Ngendahimana, yabwiye IGIHE ko hatangiye iperereza kuri iki gikorwa, anihanganisha abaturage bagizweho ingaruka abizeza ko hari gukorwa ibishoboka byose ku buryo ibintu nk'ibi bitazasubura.

Ati " Byari ahagana saa mbili z'ijoro aho abantu bitwaje intwaro nka batatu cyangwa bane bateye abandi bari mu gasanteri mu kabari, babarasamo amasasu hanyuma babateramo gerenade zigera kuri ebyiri. Ku bw'amahirwe make haje gupfamo umuntu **umwe** abandi **umunani** barakomereka ubu bari kuvurwa."

"Ntabwo turamenya ababikoze aho baturutse n'aho basubiye barangije gusa ikigaragara ni uko ari ahantu higeze kubera insanganya nk'izo mu gihe cyashize aho abantu baturutse i Burundi bica abaturage bari muri ako gace."

Muri Werurwe uyu mwaka na none muri aka gace kari hafi y'umupaka w'u Rwanda n'u Burundi harasiwe abaturage babiri b'u Rwanda bahita bitaba Imana. Abagize uruhare muri iki gikorwa bahise bajya mu Burundi dore ko aka gace kari nko mu kirometero kimwe uvuye ku rugabano rw'ibihugu byombi.

Lt Col Ngendahimana yasabye abaturage gukomeza gutangira amakuru ku gihe, ndetse abizeza **ko umutekano wabo ucunzwe neza**, ko hari no gufatwa ingamba ku buryo igikorwa nka kiriya cyo kubahungabanya kitazongera kubaho no mu gihe kizaza.

Abaturage basabwe kandi gukomeza kugirana ubufatanye n'inzego z'umutekano kuko **imipaka yo muri kariya gace igoye gucungwa** ku buryo 'wavuga ngo nta kintu na kimwe gitambutse ariko iyo dufite amakuru atangwa n'abaturage ntihagire ushobora gukingira ikibaba abantu nk'abo ngabo biroroha'.

Iyi nzu niyo aba baturage bari bari kunyweramo

JK :

- RDF ko ihora yirata ngo imipaka iralinzwe, Lt Col Ngendahimana ashobora ate gutinyuka kubwira abaturage ko ibyabaye bitazongera kubaho ?
Niba yiyemerera ko inshuro zirenze 2 abantu bitwaje imbunda bambuka bakava i Burundi (Nkuko abyivugira) bakaza bakarasa abantu mu Rwanda bakongera bakisubilirayo ntankomyi yatinyuka kuvuga ate ko imipaka ilinzwe ? ko bitazongera ?
- Noneho kunshuro yambere yemeye ko kulinda umupaka wa Bugarama bigoye, none se umunsi hiyongeyeho uwa Rusumo, Kagitumba, Cyanika , Kinigi n'ahandi Izamarere zizabigenza zite ?

Dore inkuru itangwa na Francis Kamali ukorera ikinyamakuru ikizere.com

Bugarama: Ubwoba ni bwose nyuma y'urusaku rw'amasasu yahitanye benshi

June 21, 2017

http://ikizere.com

Nkuko tubimenyeshwa n'abaturajye banyuranye bo mu murenge wa Bugarama, mu karere ka Rusizi, hari nijoro ahagana saa mbili kw'itariki ya 20/06/2017, ubwo bumvaga urusaku rw'imbunda hirya no hino muri uwo murenge. Urusaku rwagiye rurushaho ubukana kandi hanumvikanyemo ibisasu bya karundura mugihe cy'amasaha arenga abiri.

Umwe mu bari kw'irondo ukomoka muri Kabuga ya kabiri, akaba atashatse ko tumuvuga izina, yatubwiyeko yari imirwano ikaze kuko ingabo za RDF zari zahurujwe ari nyinshi. Tumubajije kubaba bahakomerekeye cyangwa bahasize ubuzima, yatubwiyeko bigoye kumenya umubare nyawo kuko we ubwe yashoboye kwibonera imigogo ibiri y'abasirikari b'ingabo z'u Rwanda kandi akabona n'umubyeyi umwe wari wakomerekejwe n'amasasu. Muri ibyo byose urujijo nuko atashoboye kutubwira abari guhangana n'ingabo z'u Rwanda nubwo bwose yavugiraga kuri telefoni wumva afite igishyika n'ubwoba bwinshi kandi ahamyako ibi bitero byibasiye cyane aho abasilikari bakambitse.

Umusomyi w'ikinyamakuru Ikizere.com ubarizwa mu karere ka Rusizi yageregeje guhamagara Bwana Harerimana Frederic, umuyobozi w'akarere ka Rusizi ariko yamubwiyeko nawe ntamakuru afatika afite kubagabye ibitero muri ako karere. Gusa nawe yatubwiyeko abamaze kwitaba Imana barenga cumi na babiri, ko inkomere zabaye nyinshi (abasilikari n'abasivili) ko kandi ziri kujyanwa mu Kigo nderabuzima cya ISLAMIC CENTRE kiri aho hafi.

NGUWO HARERIMANA FREDERIC, UMUYOBOZI W'AKARERE KA RUSIZI

Andi makuru tutashoboye kubonera gihamya avugako ingo z'abayobozi bagisivili na gisilikari zatewe ndetse hakaba hari n'abaturage bari kwica akanyota mu tubari twaho hafi baba barashweho n'abo bagizi banabi.

Igitangaje kandi kikababaza nuko amakuru menshi aturuka muri ako karere atubwirako abashinzwe umutekano baruciye bakarumira. Uwo ariwe wese ubabajije uko byagenze baramuhinda kandi ukabona bashaka kwerekana ko ibyabaye bitabateye impungenge namba.

Birabe ibyuya ntibibe amaraso,

Francis Kamali,